**A Ubuturo Bwera bw'ukuri.**

- Ubwo Abadiventisiti bigaga Bibiliya nyuma yo kubura ibyari byitezwe mu 1844, bavumbuye ko hari Ubuturo Bwera bubiri: Ubuturo Bwera bwo ku isi, igishushanyo n'igicucu cy'ubw'ukuri (Abaheburayo 8:5); n'Ubuturo Bwera bwo mu ijuru, bwubatswe n'Imana ubwayo (Abaheburayo 8:2).
- Ubuturo Bwera bwa mbere, ndetse n'insengero zayikurikiye kugeza muri 70 NK, byubatswe hakurikijwe icyitegererezo Imana yeretse Mose (Kuva 25:40). Muri bwo hashushanywaga Umwana w'Intama nyakuri n'Umutambyi Mukuru nyakuri: Yesu (Yohana 1:36; Abaheburayo 4:14).

**B Kwezwa k'Ubuturo Bwera.**

- Nubwo Abisirayeli bababarirwaga kubwo gutamba ibitambo byabo, icyaha cyabo "cyimurirwaga" ku Buturo Bwera. Kubw'ibyo, kwezwa kwabwo byari ngombwa. Ibi byababaga ku munsi w'impongano, uzwi no muri iki gihe mu Baheburayo nk'umunsi w'urubanza.
- Iyo umuntu runaka atibababazaga muri uwo munsi, ngo yihane ibyaha bye, "yakurwaga" mu bwoko bwe (Abalewi 23:29–30). Iherezo rye ryashyirwagaho akadomo. Muri ubwo buryo, ubwo kweza Ubuturo Bwera bwo mu Ijuru bizaba birangiye, iherezo ryacu rizerekanwa ubudahinduka. Hagati aho, uyu ni wo munsi wo kwibabaza mu mitima yacu, ni umunsi wo gufata icyemezo (Abaheburayo 3:14–15).

**C Urubanza.**

- Dukurikije ubuhanuzi, kwezwa k'Ubuturo Bwera bwo mu Ijuru–ni ukuvuga Urubanza–byatangiye mu 1844. Kuva icyo gihe, Itorero ry'Abadiventisiti ryatangaje mu ijwi rirenga ko isaha y'urubanza isohoye, rirarikira abantu bose kuramya Imana, no kubaho bakurikije amategeko yayo (Ibyahishuwe 14:7).
- Ariko se urubanza ntiruzabaho igihe Yesu azagaruka ku Isi (1Ngoma 16:33; 2Timoteyo 4:1)?
- Ubwo Yesu azaba aje, azarangiza imanza zamaze gucibwa, kuko azaza azanye "ingororano" zo kugororera "buri wese ibikwiriye ibyo yakoze" (Ibyahishuwe 22:12); Azatuma abamarayika Be guteraniriza hamwe intore Ze (Matayo 24:31), no kuzura abapfuye bamwizeye (1Abatesalonike 4:16). Menya ko abapfuye batizera batazazuka ubwo Yesu azaba aje, bityo ntibazasomerwa urubanza icyo gihe (Ibyahishuwe 20:4–5).

**D Imbabazi n'ubutabera.**

- Amategeko 10 yashyizwe mu Isanduku y'Isezerano yerekana amahame urubanza rugenderaho, ubutabera bw'Imana (Umubwiriza 12:13–14). Intebe y'ihongerero iri hagati y'amategeko n'ahabonekera ubwiza bw'Imana yerekana imbabazi z'Imana (1Yohana 2:1–2).
- Inzira igana mu Buturo Bwera bwo mu Ijuru itangirana no kwemera igitambo cya Yesu (Amaraso Ye yamijagiwe ku gicaniro cy'ibitambo byoswa)
- Igakomereza mu mibereho yo kugirana umubano na Kristo (Amaraso Ye yamijagiwe ku gicaniro cyoserezwaho imibavu)
- ikanzurwa iyo ibyacu byerekanwe imbere y'Umucamanza (Amaraso Ye yamijagiwe ku Mwenda ukingiriza, imbere y'isanduku)
- Ubutabera busaba kubahiriza Amategeko. Ubuntu bwemera imibereho itunganye ya Yesu mu mwanya wacu (1Petero 1:18–19; 1Yohana 4:17).

**E Umucamanza n'Umuvugizi.**

- Mu mibereho yacu yose, ndetse rwose no mu gihe cy'urubanza, Yesu ni Umuvugizi wacu (1Yohana 2:1).
- Umurimo wa Yesu mu Buturo Bwera bwo mu Ijuru utwigisha:
  - Gusobanukirwa neza Inama y'Agakiza
  - Ibisabwa n'amategeko y'Imana
  - Igiciro kitagira akagero cy'agakiza kacu
  - Inzira Yesu yaduharuriye itugeza kuri Data
  - Umutuzo kubwo gushobora kwegera Imana tudatinya
- Vuba bidatinze Urubanza ruzarangira, maze Yesu "aboneke ubwa kabiri atazanywe no kwitambira ibyaha, abonekerere abamutegereza kubazanira agakiza" (Abaheburayo 9:28)